**IBYO WAMENYA KU MATORA YO KUZUZA INAMA NJYANAMA, BIRO NA KOMITE NYOBOZI Z'UTURERE YO KU ITARIKI 28/03/2025**

## Impamvu y'aya matora:

Ateganywa n'ingingo y'i 122 y'Itegeko ngenga rigenga amatora, ko Umuntu watowe mu nzego z'ibanze iyo agize impamvu iyo ari yo yose imubuza gukomeza imirimo yatorewe, asimburwa hakoreshejwe irindi tora

**<u>Uturere tuzaberamo amatora n'abazatorwa:</u>**

| Gutora Abajyanama Rusange | | 30% by'abagore | | Kuzuza Biro | Kuzuza Komite Nyobozi y'Akarere |
|---|---|---|---|---|---|
| Burera | 1 | | | Perezida | |
| Bugesera | 1 | | | | |
| Karongi | 1 | 1 | | Perezida | -Umuyobozi w'Akarere<br>- Umuyobozi w'Akarere wungirije/ Ubukungu |
| Rusizi | 2 | 1 | | | -Umuyobozi w'Akarere<br>- Umuyobozi w'Akarere wungirije/ Imibereho myiza |
| Nyamasheke | 1 | | | Perezida | |
| Kamonyi | 1 | | | | |
| Muhanga | 1 | | | Perezida | |

- **Kwiyamamaza kw'abakandida ni ryari ? Itora nyirizina rizatangira ryari?**

Kwiyamamaza kizatangira ku wa 27/03/2024 kirangire ku wa 28/03/2025 ku munsi w'itora itora rizatangira saa ine za mugitondo (10:00)

- **Uburyo bwemewe bwo kwiyamamaza:**

- Kwiyamamaza mu bitangazamakuru,
- Ikoranabuhanga (Social Media),
- Kumanika amafoto ahagenwa n'ubuyobozi bw'Akarere cyangwa Umurenge,
- Imbere y'Inteko itora ku munsi w'itora.

### ❖ Ibibujijwe mu kwiyamamaza

- kumanika amafoto, inyandiko no gukorera bindi bikorwa byo kwiyamamaza hatabigenewe;
- Kwiyamamaza mu izina ry'Umutwe wa Politiki;
- gukoresha ibiranga Igihugu n'ibiranga imitwe ya politiki ku mafoto n'inyandiko zimwamamaza;
- Gukoresha umutungo wa Leta aho waba uri hose mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
- Gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;
- Gukoresha ruswa;
- Gushingira ku ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa amacakubiri

### ❖ Uburyo bwo gutora

- Nk'uko amatora y'Inama Njyanama y'Akarere yakozwe muri 2021 niko n'amatora yo gusimbura azakorwa.
- Abajyanama b'Akarere, batorwa mu buryo buziguye kandi mu ibanga.

### ❖ Inteko itora abajyanama rusange igizwe nande?

Batorwa na:

- abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere,
- Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku karere, iy'Urubyiruko, n'iy'Abantu bafite Ubumuga ku Karere,
- a Komite y'Abikorera ku rwego rw'Akarere

### ❖ Inteko itora Abajyanama b'abagore, bangana nibura na 30% by'Inama Njyanama batorwa na

- abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere na
- Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere;

**Amatora y kuzuza Biro y'Inama Njyanama na Komite nyobozi**

| Kuzuza Biro Akarere ▼ | Kuzuza Nyobozi Akarere ▼ | Umwanya uzatorerwa ▼ |
| --- | --- | --- |
| Muhanga | Karongi | - Umuyobozi w'Akarere<br>- Umuyobozi Wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu |
| Karongi | | |
| Burera<br><br>Nyamasheke | Rusizi. | - Umuyobozi w'Akarere<br>- Umuyobozi Wungirije ushinzwe imibereho myiza |

- ❖ **Inteko itora Komite Nyobozi y'Akarere igizwe n'aba bakurikira**:
  - Inama Njyanama y'Akarere;
  - abagize Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere;
  - abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihuguy'Abagoreku rwego rw'Akarere;
  - abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;
  - abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere n'
  - abagize Komite y'Abikorera ku rwego rw'Akarere.